

**IJAMBO RYA MADAME JEANNETTE KAGAME MU
MUHANGO WO GUTANGIZA KU MUGARAGARO GAHUNDA
YO GUKWIRAKWIZA “ ISANGE ONE STOP CENTRE ” MU
GIHUGU HOSE.**

Nyagatare kuwa 27 /02/2014

**Ba Nyakubahwa ba Ministre,
Nyakubahwa Gouverneur w'Intara y'Iburasirazuba,
Nyakubahwa Umuyobozi wa Polisi y'Igihugu,
Nyakubahwa uhagarariye ingabo,
Nyakubahwa Mayor w'Akarere ka Nyagatare,
One UN representative,
Ambassador to the Kingdom of the Netherlands,
Ba Nyakubahwa mwese muri hano,
Bavandimwe ba Nyagatare,**

Mwiriwe neza,

Mbanje kubashimira mwese, kubera igikorwa mwakoze cyo gukora urugendo rwo kwamagana ihohoterwa. Ibi biragaragaza ubushake n'ubufatanye mu kurushaho kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose mu gihugu cyacu.

Mu Rwanda dufite ubushake bwa politiki bwo kurinda umutekano wa buri muntu wese, aho Abayobozi bacu bifuriza abanyarwanda bose kubaho mu mahoro ntawe uhohotera undi; ibyo bikaba bigaragarira muri za politiki zishyirwaho, amategeko arengera abagore, abagabo ndetse n'abana, n'izindi ngamba zigenda zishyirwaho, byose bigamije kurengera uburenganzira bwa buri wese no kumurinda ihohoterwa rishobora kumukorerwa.

Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2009, Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bashyizeho ISANGE ONE STOP CENTRE mu

bitaro bya Polisi y'Igihugu muri Kacyiru mu Mujyi wa Kigali. icyo kigo kikaba cyakira abantu bahohotewe bagahabwa, ku buntu, ubufasha bwose bukenewe, kandi bugatangirwa ahantu hamwe harimo kuvurwa, kugirwa inama z'isanamitima, ndetse n'ubufasha mu by'amategeko.

Kubera ibyiza icyo kigo cyagezeho, Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje gukwirakwiza ibigo nk'ibi mu bitaro byose by'igihugu, kugira ngo abanyarwanda bahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa bitabweho bikwiye. Mbonereho no gushimira Polisi y'igihugu kubera ibyo bikorwa byiza ikora.

Nubwo hakozwe byinshi mu kurwanya ihohoterwa, imibare irakomeza kutwerekana ko hacyaragarara ibibazo byinshi bishingiye ku ihohoterwa . Mu gihe dufata ingamba zo gufasha abahuye nibyo bibazo, nagirango nongere nibutse ko binashoboka kwirinda no gukumira ko byabaho.

Raporo n'ubushakashakatsi bitwerekana ko zimwe mu mpamvu zitera ihohoterwa ari ubwumvikane buke mu miryango, imyumvire mike ndetse no gufata ibiyobyabwenge n'ibisindisha. Nkaba nagirango nsabe abateraniye hano dufate ingamba zihamye zo kurwanya izo mpamvu zose.

Akenshi iyo tuvuze ihohoterwa abantu bumva ko ari irishingiye ku gitsina gusa kandi n'imibare yerekana ko ari ryo ryinshi, ariko tuzi neza ko hari ihohoterwa rikorwa n'abashakanye bahozanya ku nkeke, abarwana ndetse hari n'abo biviramo urupfu (domestic violence). Hari n'ihohoterwa rikorerwa abana bato, haba kubafata ku ngufu cyangwa se kubakomeretsa n'ibindi (physical violence).

Ibyo byose twemera ko bifite ingaruka mu mibereho y’abantu ndetse n’imikurire y’abana. Hari abakurizamo urupfu nkuko nabivuze, hari abamugara, abandura indwara nka Sida n’izindi, hari abasama batabiteganiye tutirengagije n’abahungabanywa n’ibyababayeho. Ihohoterwa kandi ni kimwe mu bibazo bidindiza iterambere ryaba iry’umuntu ku giti cye, iry’umuryango ndetse n’iry’igihugu muri rusange.

Iyo bavuze ihohoterwa na none dushobora kwibwira ko rikorerwa abagore gusa. Imibare itwereka ko hari n’abagabo barikorerwa ndetse n’abana b’abahungu hari abafatwa ku ngufu. Aha rero ndagirango numvikanishe ko hari abo twibwira ko badakeneye ubufasha kandi babukeneye.

Ingamba dufite zo kurwanya ihohoterwa ni nyinshi hari amategeko n’inzeho zibishinzwe ariko twumve ko ntawakagombye kubuzwa umudendezo na mugenzi we. Dukomeze kandi twite mu kubaka imyumvire y’abantu, dusigasire imiryango, dutoze abana umuco mwiza (positive values) tubarinda gukurira mu ngorane baterwa natwe abantu bakuru.

Tugarutse ku kigo “Isange” ngirango twese turumva icyo iryo jambo rivuze, uwahuye n’ihohoterwa akwiye gufashwa n’ahantu yisanga. Turasaba ubuyobozi bw’ibitaro bya Nyagatare ndetse n’ahandi hose bafite ibigo bya Isange ko mwafasha uko bikwiye ababagana ndetse no mu gihe basubiye mu miryango yabo mukabakurikirana kugirango mumenye ko bameze neza.

Gutabariza kandi uwahohotewe ni inshingano za buri munyarwanda, turasaba abaturage kwirinda guhishira abakora icyaha cy’ihohoterwa.

Turashimira ariko n’abakomeje kugira uruhare mu kugaragaza icyo kibazo, batanga amakuru, bitandukanye n’umuco wahozeho wo guhishira iki cyaha. Uko gutanga amakuru bituma abahohotewe bamenyekana bagafashwa, abahohoteye nabo bagakurikiranwa bagahanwa.

Nubwo ariko dushima abatanga amakuru hari n’abandi bantu barimo ababyeyi, abayobozi, abaturanyi bashobora kuba abafatanyacyaha iyo bahishiriye cyangwa basibanganya ibimenyetso ku byaha by’ihohoterwa, tukaba dusanga ibyo ari ukwirengagiza uburenganzira bw’umuntu. Turasaba ababishinzwe ko bene abo bantu nabo baja bakurikiranwa maze amategeko agashyirwa mu bikorwa uko bikwiye.

Abahohotewe nabo bamenye ko ari uburenganzira bwabo kwihutira kumenyekanisha ibyababayeho hakiri kare. Ngirango muzi ko iyo bitavuzwe hakiri kare hari ubwo ibimenyetso biba byasibanganye.

Uyu muni rero twaje kwifatanya namwe muri aka Karere, kugira ngo duhurize hamwe imbaraga mu kurwanya ihohoterwa, ariko tunafungura ku mugaragaru “Isange One Stop Centre”.

Tuboneyeho kandi na none gutangiza ku mugaragaru gahunda yo gukwirakwiza Isange One Stop Centre mu bitaro byose by’Igihugu kugira ngo izo serivisi zirusheho kwegera abazikeneye.

Mbere y’uko nsoza, nagirango mwongere mumfashe dushimire abafatanyabikorwa bacu batandukanye badufasha mu gukumira no kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

By'umwihariko ndashimira abazafasha muri gahunda yo gukwirakwiza serivisi za Isange One Stop Centre mu Bitaro byo hirya no hino mu gihugu.

Ndashimira kandi Ibitaro bya Nyagatare kuri serivisi za Isange One Stop Centre bamaze igihe batanga ku babagana.

Mbifuriye mwese kugira imiryango itarangwamo ihohoterwa, ndetse no kugera ku iterambere rirambye mu Karere kanyu ka Nyagatare.

Murakoze mugire umunsi mwiza.